REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA RULINDO
Ref: Administration. &H.R

ITANGAZO RYA CYAMUNARA CY'IBINYABIZIGA BYA LETA

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko taliki ya 6/12/2019 saa yine za mu gitondo hari icyamunara cy'amamodoka n'amapikipiki kizabera ku cyicaro cy'Akarere ka Rulindo.

Gusura ibyo bikoresho ni ku mataliki ya 03/12/2019; 04/12/2019 no ku wa 05/12/2019 kuva saa yine kugeza saa sita (10h00-12h00) zo ku manywa.

Icyitonderwa:

- Uguze asabwa kwishyura ako kanya amafaranga yose cyangwa 30% y'igiciro yemeye kuri buri gikoresho.
- Mu gihe yishyuye 30%, asigaye ayishyura bitarenze iminsi itatu nyuma y'umunsi isoko ryabereyeho,atayishyura akamburwa uburenganzira ku byo yaguze kandi amafaranga yari yatanze ntayasubizwa.
- Uwishyuye amafaranga yose asabwa gutwara icyo yaguze bitarenze iminsi itatu amaze kwishyura,atabyubahiriza akazishyura amafaranga angana na 10% y'agaciro k'ibyo yaguze yo kugicungira umutekano ku munsi.
- Abazishyura bakoresheje sheki bagomba guteganya izingana n'umubare w'ibyo bazagura kuko buri kintu kishyurwa ukwacyo kandi buri Sheki igomba kuba yemejwe na Banki (certifié).

Bikorewe i Rulindo ku wa 21/11/2019

BIZUMUREMYI Al Bashir
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Akarere ka Rulindo